MINECO 3019/87

KAREKEZI THARCISSE
Commerçant,
B.P.563,
KIGALI.-

Kigali le 21.9.1981

A traiter par ...
Date ... 22.9.87
N° Classt ... 16497/87

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ubukungu
n'Ubucuruzi,
K I G A L I.-

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Nkulikije ibaruwa yanyu n°3.944/15.01/02.02/81 yo kuwa 18 nzeli 1981, ndabamenyesha ibi bikulikira:

Nyakubahwa Bwana Ministri nkulikije urwandiko rwanyu n°3.542/15.01/01/81 rwo kuwa 25 kanama 1981 mwamenyeshaga ko munciye ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000 Frw) kuko ngo kw'italiki ya 21 kanama 1981 nimye byeri abakiliya abagenzuzi b'ubucuruzi bali banyandikiye.

Nyakubahwa Bwana Ministri ntabwo nigeze nimana byeri, ahubwo nubahilije amasezerano nagiranye na Ministri w'Ingabo z'Igihugu murwandiko rwe n°912/02.1.9 rwo kuwa 9 nzeli 1980 namwe mukaba murufite, kandi izamagutse nkaba narasihaye umwe mu bakiliya wali wanditse kuli liste (Hôtel Kiyovu).

Nyakubahwa Bwana Ministri, ayo masezerano navuze haruguru mwarayemeye kuko mu rwandiko n°05-19/3.285/80 rwo kuwa 16/10/1980 mwohereje BRALIRWA mwayibwiraga ko byeri nzajya mbona nzajya nziha cyane cyane l'Armée Rwandaise (il desservira notamment l'armée Rwandaise).
Ubwo rero nkaba ntalitwaje amabwiliza yandi uretse ayanyu.
Ikindi kandi mu rwandiko rwe n°1.216/02.7.1 rwo kuwa 15 nyakanga 1981 Chef wa Etat Major w'Ingabo z'Igihugu yaranyihanangilije ambwira ko byeri zitagomba kubura mu ngabo z'Igihugu nkuko mwabibwiye BRALIRWA.

Nyakubahwa Bwana Ministri, nkulikije baruwa yanyu n°3.660/15.00/81 yo kuwa 9 nzeli 1981 yanfungiye ubucuruzi bwa byeri ngo natanze inzoga kuwa 8 nzeli 1981 ntabanje gusinyisha bordereau de déchargement, mbamenyesheje ko uwabivuze atavuga ukuli kuko hali kuwa kabili kandi Kigali ikaba izi ko kuwa kabili no kuwa gatanu ntakindi nkora uretse kubaga no kugemura inyama mu basilikali.
Kuba intakoreka lero ntabwo nakwirengagiza ko buli wese agomba kubahiliza amategeko.

Nyakubahwa Bwana Ministri, nkulikije lero ibaruwa yanyu n°3.944/15.01/02.02/81 yo kuwa 18 nzeli 1981 ndabamenyesha ko ntamakosa nzi ndimo:

1°/Nkuko urwandiko rwanyu n°05.19/3.285/80 rwo kuwa 16 ukwakira 1980 nahaye byeri abasilikare nkuko mwabitegetse

2°/Kuwa 8 nzeli 1981 ntanzoga nigeze ngulisha kuko hali kuwa kabili kandi uwo munsi ukaba uwo kubaga, bose barabizi.

........./.........

3°/Kuba nali ntarasinyisha bordereau nuko nali ntaratanga izo byeri. Naho undi washobora kunsinyira simusi.

None Nyakubahwa Bwana Ministri, ndabatakambiye kuko ndengana. Itegeko ryo kuwa 5 nyakanga 1967 nigeze nyuranya nalyo, byatuma mpanwa kabili nkuko biteganyijwe n'ingingo ya 11.

Mbaye mbashimiye igisubizo muzagenera iyi baruwa.

Karekezi Tharcisse

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika
  Kigali.-
- Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ingabo
  z'Igihugu,
  Kigali.-
- Bwana Chef wa Etat Major Adjoint
  wa Armée Rwandaise,
  Kigali.-
- Bwana Chef wa Etat Major Adjoint
  wa Gendarmerie Nationale,
  Kigali.-